

<p><b>ITEKA RYA PEREZIDA N° 010/01 RYO KU WA 05/02/2021 RIGENA IMYANYA ITORERWA KU RWEGO RW'UMUDUGUDU, URW'AKAGARI, URW'UMURENGE N'INTEKO ITORA KURI BURI RWEGO</b></p>	<p><b>PRESIDENTIAL ORDER N° 010/01 OF 05/02/2021 DETERMINING ELECTIVE POSTS AT THE VILLAGE, CELL, SECTOR LEVELS AND ELECTORAL COLLEGE AT EACH LEVEL</b></p>	<p><b>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 010/01 DU 05/02/2021 DÉTERMINANT LES POSTES ÉLECTIFS AU NIVEAU DU VILLAGE, DE LA CELLULE, DU SECTEUR ET LE COLLÈGE ÉLECTORAL À CHAQUE NIVEAU</b></p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</b></p>	<p><b><u>Article One:</u> Purpose of this Order</b></p>	<p><b><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 2:</u> Imyanya itorerwa ku rwego rw'Umudugudu n'inteko itora</b></p>	<p><b><u>Article 2:</u> Elective posts at the Village level and the electoral college</b></p>	<p><b><u>Article 2:</u> Postes électifs au niveau du Village et le collège électoral</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 3:</u> Imyanya itorerwa ku rwego rw'Akagari n'inteko itora</b></p>	<p><b><u>Article 3:</u> Elective posts at the Cell level and the electoral college</b></p>	<p><b><u>Article 3:</u> Postes électifs au niveau de la Cellule et le collège électoral</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4:</u> Imyanya itorerwa ku rwego rw'Umurenge n'inteko itora</b></p>	<p><b><u>Article 4:</u> Elective posts at the Sector level and the electoral college</b></p>	<p><b><u>Article 4:</u> Postes électifs au niveau du Secteur et le collège électoral</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</b></p>	<p><b><u>Article 5:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</b></p>	<p><b><u>Article 5:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 6:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</b></p>	<p><b><u>Article 6:</u> Repealing provision</b></p>	<p><b><u>Article 6:</u> Disposition abrogatoire</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 7:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</b></p>	<p><b><u>Article 7:</u> Commencement</b></p>	<p><b><u>Article 7:</u> Entrée en vigueur</b></p>

<p><b>ITEKA RYA PEREZIDA N° 010/01 RYO KU WA 05/02/2021 RIGENA IMYANYA ITORERWA KU RWEGO RW'UMUDUGUDU, URW'AKAGARI, URW'UMURENGE N'INTEKO ITORA KURI BURI RWEGO</b></p> <p><b>Twebwe, KAGAME Paul,</b> Perezida wa Repubulika;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, iya 122 n'iya 176;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 119;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 18/01/2021 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p><b>TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:</b></p>	<p><b>PRESIDENTIAL ORDER N° 010/01 OF . 05/02/2021 DETERMINING ELECTIVE POSTS AT THE VILLAGE, CELL, SECTOR LEVELS AND ELECTORAL COLLEGE AT EACH LEVEL</b></p> <p><b>We, KAGAME Paul,</b> President of the Republic;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Organic Law n° 001/2019.OL of 29/07/2019 governing elections, especially in Article 119;</p> <p>On proposal by the Minister of Local Government;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 18/01/2021;</p> <p><b>HAVE ORDERED AND ORDER:</b></p>	<p><b>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 010/01 DU 05/02/2021 DÉTERMINANT LES POSTES ÉLECTIFS AU NIVEAU DU VILLAGE, DE LA CELLULE, DU SECTEUR ET LE COLLÈGE ÉLECTORAL À CHAQUE NIVEAU</b></p> <p><b>Nous, KAGAME Paul,</b> Président de la République;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi Organique n° 001/2019.OL du 29/07/2019 régissant les élections, spécialement en son article 119;</p> <p>Sur proposition du Ministre de l'Administration Locale;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 18/01/2021;</p> <p><b>AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:</b></p>
--	--	--

<p><b><u>Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije</u></b></p> <p>Iri teka rigena imyanya itorerwa ku rwego rw'Umudugudu, urw'Akagari, urw'Umurenge n'inteko itora kuri buri rwego.</p> <p><b><u>Ingingo ya 2: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Umudugudu n'inteko itora</u></b></p> <p>Ku rwego rw'Umudugudu, hatorwa abagize Komite Nyobozi y'Umudugudu batanu (5) bakurikira:</p> <p>1° Umukuru w'Umudugudu;</p> <p>2° Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage n'imbenezamubano;</p> <p>3° Ushinzwe umutekano, abinjira n'abasohoka mu Mudugudu;</p> <p>4° Ushinzwe amakuru n'amahugurwa y'abaturage;</p> <p>5° Ushinzwe iterambere.</p> <p>Abagize Komite Nyobozi batorwa n'abaturage bose batuye Umudugudu bemerewe gutora.</p>	<p><b><u>Article One: Purpose of this Order</u></b></p> <p>This Order determines elective posts at the Village, Cell, Sector levels and the electoral college at each level.</p> <p><b><u>Article 2: Elective posts at the Village level and the electoral college</u></b></p> <p>At the Village level, the following five (5) members of the Executive Committee are elected:</p> <p>1° the Head of the Village;</p> <p>2° the in charge of social and civil affairs;</p> <p>3° the in charge of security, entry and exit from the Village;</p> <p>4° the in charge of information and training of the population;</p> <p>5° the in charge of development.</p> <p>The Executive Committee members are elected by all residents of the Village eligible to vote.</p>	<p><b><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></b></p> <p>Le présent arrêté détermine les postes électifs au niveau du Village, de la Cellule, du Secteur et le collège électoral à chaque niveau.</p> <p><b><u>Article 2: Postes électifs au niveau du Village et le collège électoral</u></b></p> <p>Au niveau du Village, les cinq (5) membres du Comité Exécutif suivants sont élus:</p> <p>1° le Chef du Village;</p> <p>2° le chargé des affaires sociales et civiles;</p> <p>3° le chargé de la sécurité, de l'entrée et de la sortie du Village;</p> <p>4° le chargé de l'information et de la formation de la population;</p> <p>5° le chargé du développement.</p> <p>Les membres du Comité Exécutif sont élus par tous les habitants du Village jouissant du droit de vote.</p>
--	--	---

<p>Ku rwego rw'Umudugudu, hatorwa kandi abakandida babiri (2) b'abagore batorwamo Abajyanama b'abagore bangana nibura na mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagomba kugira Inama Njyanama y'Akagari. Batorwa n'abaturage bose batuye Umudugudu bemerewe gutora.</p> <p><b><u>Ingingo ya 3: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Akagari n'inteko itora</u></b></p> <p>Ku rwego rw'Akagari, hatorwa abagize Inama Njyanama y'Akagari bakurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° Abajyanama batorwa n'abaturage bemerewe gutora batuye Imidugudu igize Akagari, buri Mudugudu ugatora Umujyanama umwe (1) uwuhagarira;</li> <li>2° Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akagari utorwa n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Imidugudu igize Akagari;</li> <li>3° Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Akagari utorwa n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu</li> </ol>	<p>At the Village level, two (2) female candidates are also elected, among whom the female Councilors who make up at least thirty percent (30%) of members of the Cell Council are elected. They are elected by all residents of the Village eligible to vote.</p> <p><b><u>Article 3: Elective posts at the Cell level and the electoral college</u></b></p> <p>At the Cell level, the elected members of the Cell Council are the following:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° the Councilors elected by the population eligible to vote residing in the Villages constituting the Cell, and each Village votes its one (1) representative;</li> <li>2° the Coordinator of the National Women's Council at the Cell level elected by the members of the Executive Committee of the National Women's Council at the level of the Villages constituting the Cell;</li> <li>3° the Coordinator of the National Youth Council at the Cell level elected by the members of the Executive Committee of the National Youth Council at the</li> </ol>	<p>Au niveau du Village, deux (2) candidats de sexe féminin sont également élus, parmi lesquels les Conseillers de sexe féminin constituant au moins trente pourcent (30%) des membres du Conseil de la Cellule sont élus. Ils sont élus par tous les habitants du Village jouissant du droit de vote.</p> <p><b><u>Article 3: Postes électifs au niveau de la Cellule et le collège électoral</u></b></p> <p>Au niveau de la Cellule, les membres du Conseil de la Cellule suivants sont élus:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° les Conseillers élus par la population jouissant du droit de vote habitant des Villages qui composent la Cellule, et chaque Village vote un (1) Conseiller qui le représente;</li> <li>2° la Coordinatrice du Conseil National des Femmes au niveau de la Cellule élue par les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau des Villages qui composent la Cellule;</li> <li>3° le Coordonateur du Conseil National de la Jeunesse au niveau de la Cellule élu par les membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au</li> </ol>
--	---	--

<p>y'Urubiruko ku rwego rw'Imidigudu igize Akagari;</p> <p>4° Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga uturwa n'abantu bese bafite ubumuga bafite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko batuye mu Kagari n'ababyeyi cyangwa abishingizi bafite abana bafite ubumuga bwo mu mutwe ariko abo bana bagomba kuba bafite uburenganzira bwo gutora;</p> <p>5° uhagarariye abayobozi b'ibigo by'amashuri y'incuke biri mu Kagari uturwa n'abayobozi n'abarimu b'ibigo by'amashuri y'incuke biri mu Kagari;</p> <p>6° uhagarariye abarimu b'amashuri abanza ari mu Kagari uturwa n'abayobozi n'abarimu b'ibigo by'amashuri abanza biri mu Kagari;</p> <p>7° uhagarariye abikorera mu Kagari uturwa n'abagize Urugaga rw'Abikorera ku rwego rw'Akagari;</p>	<p>level of the Villages constituting the Cell;</p> <p>4° the Ccoordinator of the National Council of Persons with Disabilities elected by all persons with disabilities living in the Cell who are at least eighteen (18) years old and the parents or guardians of the children with a mental disability if those children have the right to vote;</p> <p>5° a representative of Head teachers of nursery schools located in the Cell elected by the Head teachers and teachers of nursery schools located in the Cell;</p> <p>6° a representative of teachers of primary schools located in the Cell elected by the Head teachers and teachers of primary schools located in the Cell;</p> <p>7° a representative of the private sector in the Cell elected by the members of the Private Sector Federation at the Cell level;</p>	<p>niveau des Villages qui composent la Cellule;</p> <p>4° le Coordonateur du Conseil National des Personnes Handicapées élu par toutes les personnes handicapées ayant au moins dix-huit (18) ans habitant la Cellule ainsi que les parents ou les tuteurs des enfants qui ont un handicap mental, à condition que ces enfants jouissent le droit de vote;</p> <p>5° un représentant des directeurs des écoles maternelles se trouvant dans la Cellule élu par les directeurs et les enseignants des écoles maternelles se trouvant dans la Cellule;</p> <p>6° un représentant des enseignants des écoles primaires se trouvant dans la Cellule élu par les directeurs et les enseignants des écoles primaires se trouvant dans la Cellule;</p> <p>7° un représentant du secteur privé dans la Cellule élu par les membres de la Fédération du Secteur Privé au niveau de la Cellule;</p>
--	---	--

<p>8° Abajyanama b'abagore bangana nibura na mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagomba kugira Inama Njyanama y'Akagari batorwa n'abaturage bose b'Akagari bemerewe gutora.</p> <p>Biro y'Inama Njyanama y'Akagari igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga, itorwa n'abagize Inama Njyanama y'Akagari.</p> <p><b><u>Ingingo ya 4: Imyanya itorerwa ku rwego rw'Umurenge n'inteko itora</u></b></p> <p>Ku rwego rw'Umurenge, hatorwa abagize Inama Njyanama y'Umurenge bakurikira:</p> <p>1° Umujyanama uhagarariye Akagari mu Nama Njyanama y'Umurenge utorwa n'abaturage bose ba buri Kagari kagize Umurenge bemerewe gutora;</p> <p>2° Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umurenge utorwa n'abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Utugari tugize Umurenge;</p>	<p>8° female Councilors who make up at least thirty percent (30%) of members of the Cell Council elected by all residents of the Cell eligible to vote.</p> <p>The Bureau of the Cell Council composed of the Chairperson, the Deputy Chairperson and the Secretary, is elected by members of the Cell Council.</p> <p><b><u>Article 4: Elective posts at the Sector level and the electoral college</u></b></p> <p>At the Sector level, the elected members of the Council are the following:</p> <p>1° the Councilor representing the Cell in the Sector Council elected by all residents of each Cell constituting the Sector eligible to vote;</p> <p>2° the Coordinator of the National Women Council at the Sector level elected by the members of the Executive Committee of the National Women's Council at the level of the Cells constituting the Sector;</p>	<p>8° les Conseillers de sexe féminin constituant au moins trente pourcent (30%) des membres du Conseil de la Cellule élus par tous les habitants de la Cellule jouissant du droit de vote.</p> <p>Le Bureau du Conseil de la Cellule composé par le Président, le Vice Président et le Secrétaire, est élu par les membres du Conseil de la Cellule.</p> <p><b><u>Article 4: Postes électifs au niveau du Secteur et le collège électoral</u></b></p> <p>Au niveau du Secteur, les membres du Conseil du Secteur suivants sont élus:</p> <p>1° le Conseiller représentant la Cellule dans le Conseil du Secteur élu par tous les habitants de chaque Cellule qui compose le Secteur jouissant du droit de vote;</p> <p>2° la Coordonnatrice du Conseil National des Femmes au niveau du Secteur élu par les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Femmes au niveau des Cellules qui composent le Secteur;</p>
---	---	---

<p>3° abagize Biro y’Inama y’Igihugu y’Urubiruko ku rwego rw’Umurenge batorwa n’abagize Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Urubiruko ku rwego rw’Utugari tugize Umurenge;</p>	<p>3° members of the Bureau of the National Youth Council at the Sector level elected by the members of the Executive Committee of the National Youth Council at the level of the Cells constituting the Sector;</p>	<p>3° les membres du Bureau du Conseil National de la Jeunesse au niveau du Secteur élus par les membres du Comité Exécutif du Conseil National de la Jeunesse au niveau des Cellules qui composent le Secteur;</p>
<p>4° Umuhuzabikorwa w’Inama y’Igihugu y’Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw’Umurenge utorwa n’abagize Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw’Utugari tugize Umurenge;</p>	<p>4° the Coordinator of the National Council for Persons with Disabilities at the Sector level elected by the members of the Executive Committee of the National Council of Persons with Disabilities at the level of the Cells constituting the Sector;</p>	<p>4° le Coordonateur du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau du Secteur élu par les membres du Comité Exécutif du Conseil National des Personnes Handicapées au niveau des Cellules qui composent le Secteur;</p>
<p>5° uhagarariye abayobozi b’ibigo by’amashuri abanza biri mu Murenge utorwa n’abayobozi n’abarimu b’ibigo by’amashuri abanza biri mu Murenge;</p>	<p>5° a representative of the Head teachers of primary schools located in the Sector elected by the Head teachers and teachers of primary schools located in the Sector;</p>	<p>5° un représentant des directeurs des écoles primaires se trouvant dans le Secteur élu par les directeurs et les enseignants des écoles primaires se trouvant dans le Secteur;</p>
<p>6° uhagarariye abayobozi b’ibigo by’amashuri yisumbuye biri mu Murenge utorwa n’abayobozi n’abarimu b’ibigo by’amashuri yisumbuye biri mu Murenge;</p>	<p>6° a representative of the Head teachers of secondary schools located in the Sector elected by the Head teachers and teachers of secondary schools located in the Sector;</p>	<p>6° un représentant des directeurs des écoles secondaires se trouvant dans le Secteur élu par les directeurs et les enseignants des écoles secondaires se trouvant dans le Secteur;</p>
<p>7° uhagarariye imiryango itari iya Leta ikorera mu Murenge utorwa n’abahagarariye iyo miryango;</p>	<p>7° a representative of Non Governmental Organisations operating in the Sector, elected by the representatives of those organisations;</p>	<p>7° un représentant des organisations non gouvernementales œuvrant dans le Secteur, élu par les représentants de ces organisations;</p>

<p>8° uhagarariye abikorera mu Murenge utorwa n'abagize Urugaga rw'Abikorera ku rwego rw'Umurenge;</p> <p>9° umuyobozi uhagarariye ibitaro, ibigo nderabuzima cyangwa ibindi bigo by'ubuzima bikorera mu Murenge utorwa n'abaganga, abaforomo n'ababyaza bakorera mu Murenge</p> <p>10° Abajyanama b'abagore bangana nibura na mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagomba kugira Inama Njyanama y'Umurenge batorwa mu bagore batowe muri buri Kagari kagize Umurenge.</p> <p>Uhagarariye inzego ziteganyijwe muri iyi ngingo agomba kuba ari Umunyarwanda. Iyo bigaragaye ko umuyobozi w'urwego ruvugwa muri iyi ngingo ari umunyamahanga, urwo rwego ruhagararirwa n'Umunyarwanda ukurikira mu rwego rw'ubuyobozi.</p> <p>Biro y'Inama Njyanama y'Umurenge igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umunyamahanga, itorwa n'Inama Njyanama y'Umurenge.</p>	<p>8° a representative of the private sector in the Sector elected by the members of the Private Sector Federation at the Sector level;</p> <p>9° a head representing hospitals, health centers or other health facilities operating in the Sector elected by medical doctors, nurses and midwives serving in the Sector.</p> <p>10° female Councilors who make up at least thirty percent (30%) of members of the Sector Council elected among female candidates elected in each Cell constituting the Sector.</p> <p>In all cases, the representative of the organs provided for in this Article must be Rwandan. When it appears that the head of an organ mentioned in this Article is a foreigner, that organ is represented by a Rwandan who follows according to the administrative hierarchy.</p> <p>The Bureau of the Sector Council composed of the Chairperson, the Deputy Chairperson and the Secretary, is elected by members of the Sector Council.</p>	<p>8° un représentant du secteur privé dans le Secteur élu par les membres de la Fédération du Secteur Privé au niveau du Secteur;</p> <p>9° un chef représentant des hôpitaux, centres de santé ou autres établissements de santé œuvrant dans le Secteur élu par les médecins, les infirmiers et les sages-femmes en service dans le Secteur.</p> <p>10° les Conseillers de sexe féminin constituant au moins trente pourcent (30%) des membres du Conseil du Secteur élus parmi les candidats de sexe féminin élus dans chaque Cellule qui compose le Secteur.</p> <p>Dans tous les cas, le représentant des organes prévus au présent article doit être de nationalité rwandaise. Lorsqu'il apparaît que le chef d'un organe visé dans le présent article est un étranger, cet organe est représenté par un Rwandais qui suit selon l'hierarchie administrative.</p> <p>Le Bureau du Conseil de Secteur composé par le Président, le Vice Président et le Secrétaire, est élu par les membres du Conseil de Secteur.</p>
--	---	--



<p><b><u>Ingingo ya 5: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u></b></p> <p>Minisitiri w’Intebe, Minisitiri w’Ubutegetsi bw’Igihugu na Minisitiri w’Imari n’Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p> <p><b><u>Ingingo ya 6: Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije n’iri teka</u></b></p> <p>Ingingo zose z’amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 7: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 5: Authorities responsible for the implementation of this Order</u></b></p> <p>The Prime Minister, the Minister of Local Government and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.</p> <p><b><u>Article 6: Repealing provision</u></b></p> <p>All prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><b><u>Article 7: Commencement</u></b></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 5: Autorités chargées de l’exécution du présent arrêté</u></b></p> <p>Le Premier Ministre, le Ministre de l’Administration Locale et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l’exécution du présent arrêté.</p> <p><b><u>Article 6: Disposition abrogatoire</u></b></p> <p>Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.</p> <p><b><u>Article 7: Entrée en vigueur</u></b></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	--	--

Kigali, 05/02/2021

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:  
Seen and sealed with the Seal of the Republic:  
Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux